



Credit: Laterite.

Ibitekerezo by'abarimu kw'ireme ry'uburezi mu myigishirize n'imyigire mu Rwanda

Intangiro

Ubushakashatsi bwakozwe na Laterite ifatanije n'ikigo cyo muri Kaminuza ya Cambridge cyitwa Research for Equitable Access and Learning (REAL) kuri gahunda ya Leaders in Teaching iterwa inkunga na Mastercard Foundation bwagaragaje amakuru y'ingenzi ku myigishirize n'imyigire mu mashuri yisumbuye mu Rwanda. Ayo makuru yavuye mu bushakashatsi bwakozwe mu ntangiro ya 2020 ku ngingo zitandukanye zifyanye n'reme ry'uburezi mu myigishirize n'imyigire y'abanyeshuri.

Muri kama 2022, twasangije abarezi ibyavuye mu bushakashatsi tunakusanya ibitekerezo ndetse n'inama zabo ku buryo bwo gukemura ibibazo byagaragaye mu bushakashatsi. Twateguye inama eshanu mu ntara enye z'ighugu zahurije hamwe abarezi 122 barimo abarimu bo mu mashuri yisumbuye, abayobozi b'ibigo ndeste n'abayobozi bashinzwe uburezi mu mirenge bagize uruhare mu bushakashatsi bwakozwe muri 2020. Muri Nzeri 2022, twagiranye inama n'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi ndetse n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga igamije kureba uburyo ibitekerezo by'abarimu byashyirwa mu bikorwa mu rwego rwo kunoza imyigishirize n'imyigire mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

Igice kibanza cyerekana mu ncamake ibyavuye mu bushakashatsi bwakozwe muri 2020 ndetse n'ibitekerezo by'abarimu ku mpamvu zateye ibyagaragajwe n'ubushakashatsi. Igice gikurikira cyerekana muri make ibitekerezo by'abarimu ku mpinduka muri gahunda z'uburezi n'ishyirwa mu bikorwa ryazo mu gukemura ibibazo byagarajwe n'ubushakashatsi. N'ubwo ubushakashatsi mpuzamahanga bushyigikira bimwe mu bitekerezo bikubiye muri iyi nyandiko, ibi bitekerezo byatwanzwe n'abarimu ntabwo ari ibitekekerezo bya Laterite, ikigo cya REAL, cyangwa se Mastercard Foundation. Igice cya nyuma gikubiyemo ibisubizo by'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi ku bitekerezo by'abarimu ndetse na gahunda za Leta kuri STEM, imyigire n'imyigishirize mu mashuri yisumbuye mu Rwanda.

Amashuri yakorewemo ubushakashatsi bwa Leaders in Teaching muri 2020



Ibigo 358
byatoranjwe



Uturere 14 two
mu Rwanda
(Hatarimo Kigali)



Abayobozi b'ibigo
350 n'abarimu
bigisha STEM
1,820




Abanyeshuri
barenga 4,000
biga mu wa gatatu
w'ayisumbuye



91% y'ibigo
bibarizwa
mu cyaro



13% n'amashuri
y'icyitegererezo



Incamake z'ibavuye mu bushakashatsi bwa Leaders in Teaching muri 2020

Iki gice gikubiyemo incamake z'ibavuye mu bushakashatsi bwakozwe muri 2020 ku ngingo 3:

1. Isano iri hagati y'imibereho y'abanyeshuri n'myigire yabo
2. Ubusumbane bushingiye ku gitsina mu bayobozi b'ibigo n'abrimu mu Rwanda
3. Ibigize umwarimu mwiza n'uburyo bw'imyigishirize bukwiye


Ingingo 1: Isano iri hagati y'imibereho y'abanyeshuri n'myigire yabo

Abanyeshuri batsinze ku rugero rwo hejuru isuzuma ry'imibare n'abaturuka mu miryango yishoboye biganje mu mashuri y'icyitegererezo.

AMASHURI Y'ICYITEGEREREZO



Impuzandengo y'amanota
mw'isuzumabumenyi
ry'imibare mu ntangiriro
ya 2020




Umunyeshuri 1 muri 3 aturuka
muri kimwe cya gatanu
cy'ingo zifashije kurusha izindi
mu bitabiriye ubushakashatsi

ANDI MASHURI



Impuzandengo y'amanota
mw'isuzumabumenyi
ry'imibare mu ntangiriro
ya 2020



Umunyeshuri 1 muri 8 aturuka
muri kimwe cya gatanu cy'ingo
zifashije kurusha izindi mu
bitabiriye ubushakashatsi

Icyitonderwa: Isuzumabumenyi ry'imibare ryabaye mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri wa 2020 mbere y'uko abanyeshuri biga integanyanyigisho y'umwaka wa gatatu. Byari byitezwe ko amanota y'abanyeshuri aba make iki gihe.

Ni gute abanyeshuri bashyirwa mu mashuri y'icyitegererezo?

Abanyeshuri bakora
ikizamini gisoza
amashuri abanza
mu wa 6 w'amashuri
abanza

- ▶ Abanyeshuri batsindiye ku manota yo hejuru bashyirwa mu
mashuri y'icyitegererezo
- ▶ Abandi banyeshuri batsinze bashyirwa mu yandi mashuri
- ▶ Abanyeshuri batatsinze ntibemererwa kujya mu mashuri
yisumbuye, basabwa gusibira uwo mwaka

Ubu buryo bubera imbagomizi abana baturuka mu miryango itifashije cyangwa ababana n'ubumuga
mu kuba bajya mu mashuri afite ibikoresho bigezweho.

Guhera mu mwaka wa 3 w'ayisumbuye, abahungu batsinda neza kurusha abakobwa mu mibare – n'ubwo abakobwa aribo bensi mw'ishuri



Mu wa gatatu w'amashuri yisumbuye hari

Abahungu batsinda neza kurusha abakobwa, ariko
babarusha ku kigero gito:

Impuzandengo y'isuzumabumenyi ry'imibare mu mwaka wa
gatatu mu ntangiriro z'umwaka wa 2020


Abakobwa 37%

Abahungu 39%


Itandukaniro ringana **n'ikibazo 1 abahungu basubije**
neza kurusha abakobwa ku mpuzandengo (mu bibazo
30 by'isuzumabumenyi)

Ariko, abakobwa baruta abahungu mu bigo bifite amikoro make
Abanyeshuri mu bigo bifite amikoro make: 59% abakobwa, 41% abahungu
Abanyeshuri mu bigo bifite amikoro menshi: 51% abakobwa, 49% abahungu

Itandukaniro hagati y'abahungu n'abakobwa rigaragara cyane mu mashuri atari ay'icyitegererezo n'amashuri yo mu cyaro aho abanyeshuri bitabiriye ubushakashatsi baturuka mu miryango itishoboye



Impuzandengo y'amanota y'suzumabumenyi ry'imibare mu mwaka wa gatatu agabanuka n'imyaka y'umunyeshuri



Ibi biterwa n'uko abanyeshuri bakuze ugereranije n'imyaka barimo baba barasibiye inshuro nyinshi kurusha bagenzi babo, cyangwa barasibiye ibihe runaka by'ishuri kubera kuva mw'ishuri no kurisubukura.

Abanyeshuri baturuka mu miryango itifashije badatsinda ku kigero kimwe na bagenzi babo baturuka mu miryango yifashije, bafite amahirwe menshi yo kuba bafite imyaka myinshi ugereranije n'umwaka w'ishuri bigamo



Abanyeshuri bakuze baturutse muri kimwe cya gatanu cy'ingo zitifashije kurusha izindi mu bitabiriye ubushakashatsi



Abanyeshuri bakuze baturutse muri kimwe cya gatanu cy'ingo zifashije kurusha izindi mu bitabiriye ubushakashatsi

Abarimu basanga ari iki gitera ubusumbane mu myigire hagati y'abakobwa n'abahungu?

- Kubogama ku muco bishobora gutuma abakobwa batatabira amasomo ya STEM kuko afatwa nk'aho ari amasomo y'igitsina gabu.
- Usanga akensi abakobwa bahabwa imirimo yo mu rugo myinshi ugereranije n'abahungu, ibi bikaba bigabanya umwanya wo gusubira mu masomo no gukora imikoro.
- Amashuri menshi y'icyitegererezo usanga acumbikira abanyeshuri. Ibi biha abanyeshuri umwanya uhagije wo gusubira mu masomo ariko aya mashuri nayo yishyuza amafaranga menshi ugereranije n'andi. Ibi bibera inzitizi abanyeshuri baturuka mu miryango itifashije, akensi usanga baturuka mu cyaro kandi bafite n'imyaka myinshi ugereranije n'imyaka y'amashuri bigamo.

"Abakobwa ntibabona umwanya ungana n'uwa abahungu wo gusubiramo amasomo kubera imirimo yo mu rugo. Abakobwa bahawe umwanya ungana n'uwa abahungu nabo batsinda ku kigero kimwe." –Umwarimu w'umugabo

Ingingo 2: Ubusumbane bushingiye ku gitsina mu bayobozi b'ibigo n'abarimu mu Rwanda

Hari itandukaniro rinini mu mibare y'abarimu n'abayobozi b'ibigo b'igitsina gabonore



1 in 5 abayobozi b'ibigo



1 in 4 abarimu ba siyansi

Abarimu b'abagore bari bafite amahirwe make yo kugira ubumenyi mu kwiga no kwigisha hifashishijwe iyakure mbere y'icyorezo



1 in 10 abarimu b'abagore



2 in 10 abarimu b'abagabo

Mu kwitegerezza imitangire y'isomo, abarimu b'igitsina gore bakunze gutanga ubufasha bujanye n'ubwigenge bw'umunyeshuri mu myigire ndetse no kubakangurira kugira uruhare mu isomo.

Abarimu batanze ubufasha mu bwigenge bw'umunyeshuri mw'isomo babaha amahitamo, inshingano, ndetse n'amahirwe yo kugira uruhare kubushake:

70%

Abarimu b'abagore

58%

Abarimu b'abagabo

Amasomo abanyeshuri benshi bagaragaje ubushake mu myigire:

27%

Amasomo ayobowe n'igitsina gore

18%

Amasomo ayobowe n'igitsina gabonore

Abarimu basanga ari iki gitera ubusumbane bushingiye ku gitsina mu myigishirize ya STEM no mu buyobozi bw'ishuri?

- Umubare muto w'igitsina gore wiga amasomo ya STEM utuma hataboneka abarimu benshi b'igitsina gore bigisha STEM
- Nta kintu gishishikariza abarimu – baba abagabo cyangwa abagore – kwigisha amasomo ya siyansi ugereranije n'andi masomo. Amasomo ya STEM afatwa nk'amasomo agoye kwiga, cyane cyane ku bakobwa n'abagore, kandi agoye mu kwigisha bitewe n'umwanya n'imbaraga bisabwa mu gutegura ayo masomo. Ibi ubyongereyeho inshingano zo mu rugo zifata umwaya munini igitsina gore, bituma ari abakobwa bake biga amasomo ya STEM bakaba n'abarimu ba STEM.
- Kubogama ku muco bishobora gushimangira imyumvire y'uko inshingano z'ubuyobozi bw'ibigo no kwigisha amasomo ya STEM ari iby'abagabo, ibi bigaca intege abagore mu kwitabira inshingano z'ubuyobozi bw'ikigo.
- Abarimu b'igitsina gore bagira inshingano nyinshi z'urugo ugereranije n'abagabo. Ibi bigatumva batemera imyanya yo kwigisha iri kure y'imiryango yabo.
- Abarimu b'igitsina gore ntibakunze gutunga no gukoresha mu buryo buhoraho ibikoresha bya ICT nka mudasobwa zigendanwa nka bagenzi babo b'igitsina gabonore kandi ntibaniye ubushobozi bwabo mu kuzikoresha.

Ingingo 3: Ni ibiki bigize umwarimu mwiza?

Abarimu babona inshingano zabo nk'izigamije ibikurikira:



Gushishikariza
imtsindire
myiza



Kwimakaza umuco
n'indangagaciro
nyarwanda




Gufasha abanyeshuri kuba
abaturage beza, gushyira mu ngiro
ibyo bize, ndetse no kubona akazi


**"Umwarimu aramutse ashoboye guhindura abanyeshuri, babasha gukoresha ibyo
bize mu buzima busanzwe"**

– Uwigira ubwarimu


Hafi y'abrimu bose bagaragaje imbaraga muri ibi bikurikira mw'ishuri:



Bakoreshje umwanya neza



Abanyeshuri bakoraga ibyo
bagakwiye gukora mu ishuri



Bashyiragaho imyitwarire
ngenderwaho y'abanyeshuri mu
gihe cy'isomo

**Uburyo bwiza bwo kwigisha bwagakwiye gukoreshwa cyane mu ishuri,
abrimu bake nibo babukoresheje mw'ishuri:**



Kumenya ibyo abanyeshuri
bakoze neza cyangwa
gushima imyitwarire myiza



Guha abanyeshuri
amahitamo mu gihe
cy'isomo



Gushima umuhate
w'abanyeshuri



Kubera iki ari ngombwa gushima imyitwarire myiza?



Bifasha abanyeshuri kwiremamo icyizere, kugira ubumenyi mu kwiyobora, gukunda isomo, ndetse no kugira umwete.



Kubera iki ari ngombwa guha abanyeshuri amahitamo?



Bituma bagira uruhare mu myigire no mu gufata imyanzuro, bikaba ari ingenzi ku bangavu n'ingimbi binjira mu gihe cyo kwigenga.



Kubera iki ari ingenzi gushima umuhati w'abanyeshuri?



Bifasha abanyeshuri kwhanganira ingorane no kugira umwete mw'ishuri.

"Akwiriye gushishikariza abanyeshuri kugira uruhare mu isomo. Mw'ishuri habamo abanyeshuri batandukanye, aho ubona ko bamwe bumva ibyo wigisha ariko bakagira isoni zo kuvuga. Bityo rero, ni inshingano z'umwarimu gushishikariza uwo munyeshuri ufite isoni kuvuga yirengagije ko igisubizo ari cyo cyangwa atari cyo."

- Umwarimu ufite uburambe

Abarimu basanga ari iki gituma uburyo bwiza bw'imyigishirize budakoreshwa cyane mw'ishuri?

- Abarimu bumva bashoboye gukoresha uburyo bwiza bw'imyigishirize mu ishuri nk'uko bigaragazwa n'iwyavuye mu bushakashatsi, ariko bakagorwa no kubona umwanya wo gukoresha ubu buryo bwiza bitewe n'ingano nini y'amashuri. Ibi bituma abarimu baba bafite igihe gito cyo gukurikirana abanyeshuri ku giti cyabo.
- Abarimu bagorwa no gutanga integanyanyigisho mu gihe cyagenwe cyo kwigisha (iminota 40 y'isomo), kandi basanga ibikubiye mu nteganyanyigisho birenze ubushobozi bw'abanyeshuri ukurikije imyaka bigamo

Ibitekerezo by'abrimu ku bashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi

Iki gice gikubiyemo mu ncamake ibitekerezo byatanzwe n'abrimu bagize uruhare mu bushakashatsi ku mpinduka muri gahunda y'uburezi n'ishyirwa mu bikorwa ryazo mu gukemura ibibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi.

“[Turasaba]... kongera umubare w'amahugurwa mu mwuga [CPD] ahabwa abrimu, cyane cyane abrimu ba STEM, no gushyira mu bikorwa gahunda yo kwigira kuri bagenzi bacu ku rwego rw'umurenge cyangwa akarere kugira ngo abrimu bigisha amasomo amwe bigire kuri bagenzi babo... [na]... Gutanga amahirwe menshi yo kwimenyereza muri laboratwari, nk'uko ikigo cya Afurika gishinzwe ubumenyi bw'imibare (African Institute for Mathematical Sciences) kibikora.” – Umwarimu w'umugabo



Gukemura ubusumbane hagati y'amashuri y'icyitegererezo n'amashuri asanzwe:

- Guteza imbere ubufatanye hagati y'amashuri afite ibikoresho bihagije n'atabifite, hashimangirwa ingendoshuri zigamije guha amahirwe abanyeshuri bo mu mashuri asanzwe yo gukora imyitozo ngiro mu mashuri y'icyitegererezo.
- Guha amashuri yose ibikoresho byo kwigishirizaho n'ibyo kwigiraho bingana kandi bihagije.
- Kuvugurura uburyo busanzweho bwo kohoreza abana ku mashuri y'icyitegererezo mu buryo bwo guha abana bose amahirwe angana yo kuba bajya muri ayo mashuri binyuze muri za buruse zibanda ku bakobwa cyane cyane abo mu cyaro kugira ngo babone amahirwe yo kwiga amasomo ya STEM mu mashuri y'icyitegererezo.



Guteza imbere abakobwa bitabira STEM kw'ishuri:

- Gutangiza ingamba zigamije guteza imbere igitsina gore muri STEM kugirango babere intangarugero abakobwa bato. Ibi bikubiyemo ibikurikira:
 - Gutumira abagore b'intangarugero bakora muri STEM mu mashuri ndetse no mu matsinda atandukanye y'imibare kugirango basangize abakobwa ubunararibonye bwabo banabashishikarize kuyitabira.
 - Gukoresha isaha ya siyanse bumva ubutumwa kuri radio bw'abagore bageze ku rwego rwiza bize imibare na siyanse kugirango bashishikarize abakobwa kugenza nkabo.
- Gushishikariza abakobwa kwiga amasomo ya STEM binyuze mu gushimira ku mugaragaro abakobwa babaye indashyikirwa mu kwiga imibare na siyanse cyangwa kubaha buruse ndetse n'ibikoresho by'ishuri.
- Gutanga amahugurwa ku barimu n'ababyeyi ku gaciro k'uburere bw'abakobwa ndetse no kumenya uruhare rwabo mu burezi bw'abakobwa.
- Guha abrimu amahugurwa menshi ku mahame y'uburinganire mu myigishirize mu ishuri nko guha abakobwa n'abahungu amahirwe angana yo kuyobora amatsinda yo kwigiramo cyangwa gufata inshingano mu ishuri.
- Gushishikariza ababyeyi kugabanya imirimo yo mu rugo mu buryo bungana abahungu n'abakobwa mu buryo bwo kubaha umwanya uhagije wo kwiga, no gushishikariza abakobwa kwiga imibare na siyansi.



Gukemura icyaho kiri hagati y'abrimu mu kwigisha no kwiga hakoreshejwe ikoranabuhanga:

- Guha amashuri yose ibikoresho bya ICT na laboratwari
- Ibi bigakurikirwa no gutanga amahugurwa ahoraho ku bikoresho bya ICT kugirango abrimu bahorane ubumenyi bugezweho, hibandwa cyane ku barimu b'igitsina gore bigisha STEM, bahabwa amahugurwa yihariye ya ICT kugirango bigirire icyizere muri uru rwego.

"Tugomba kurenga iyi myumvire. Abagore bagomba bakumva ko nabo bashoboye. Urugero ni abagore twicaranye hano, bamwe ni abayobozi b'amashuri, abandi bafite imyanya itandukanye ifata ibyemezo. Bagomba kwihesha agaciro kandi bakizera ko bashoboye "

– Umwarimu wumugabo



Gushishikariza no gushyigikira abagore mu kwigisha STEM no kwitabira inshingano z'ubuyobozi:

- Gutegura ubukangurambaga ku rwego rw'ighugu bujyanye n'uburinganire hagamijwe gukangurira abaturage kwakira ko abagore baba abayobozi b'ibigo, no kwerekana ko inshingano z'ubuyobozi zitagenewe igitsina kimwe gusa.
- Gushyira abarimu ba STEM n'abayobozi b'ibigo b'igitsina gore ku bigo byegereye imiryango yabo kugira ngo barusheho guhuza inshingano zabo zo kwigisha no kwita ku miryango yabo.
- Gushyigikira iterambere ry'abarimu mu mwuga bahabwa amahugurwa hafi y'aho batuye.
- Abayobozi b'ibigo bagomba gushishikariza abarimu b'igitsina gore gushaka impamyabumenyi zihanitse zabaha amahirwe yo guhatanira inshingano z'ubuyobozi.
- Kwimakaza uburinganire mu myanya y'ubuyobozi bw'ikigo, urugero nko guha igitsina gore akazi ku mwanya wo kunganira umuyobozi w'ikigo mu gihe uyobora ikigo ari umugabo.



Gushyiraho uburyo bwo kwigisha bufasha kuzamura ireme ry'imyigire:

- Mu rwego rwo gutanga umwanya uhagije wo gusoza integanyanyigisho no gukurikirana abana bafite ubushobozi butandukanye, abarimu batanze ibitekerezo bikurikira
 - Kuvugurura integanyanyigisho kugirango abarimu babashe kurangiza inyigisho mu gihe cyagenwe
 - Kuvugurura ingengabihe yo kwigisha kugirango mwarimu ahabwe umwanya uhagije wo gutegura amasomo no gukosora.
 - Kuvugurura inshingano zindi zihabwa abarimu zijiyanje n'indi mirimo y'ubuyobozi kugirango bibande cyane ku nshingano zabo zijiyanje no kwigisha.
- Gutanga amabwiriza asobanutse arebana n'ukuntu abarimu bashobora gukosora imyitwarire idakwiye y'abanyeshuri mw'ishuri.
- Kongera umushahara w'abarimu ndetse n'amafaranga Minisiteri y'uburezi igenera ikigo mu rwego rwo guhuzwa n'izamuka ry'ibiciro ku masoko (*Icyitonderwa: iki cyifuzo cyatanzwe muri Kanama 2022 mbere y'uko MINEDUC itangaza ko umushahara w'abarimu uziyongera*)
- Kubaka ibyumba byinshi by'amashuri ku buryo buri shuri ryakwigamo abanyeshuri batarenze 30 kugirango abarimu bashobore gukurikirana abanyeshuri biga gahoro babone n'umwanya wo gukosora imikoro.
- Guha buri kigo amashanyarazi ahagije, interineti mu byumba byahariwe ikoranabuhanga, ibitabo, na mudasobwa zigandanwa ku barimu n'abanyeshuri mu gufasha mu myigire n'imyigishirize.
- Kubaka ibyumba byo kuriramo mu bigo bitarimo mu rwego rwo guha abanyeshuri n'abarimu ahantu hisanzuye kandi habugenewe ho gufatira amafunguro.
- Kongera uruhare rwa leta muri gahunda y'ifunguro rifatirwa ku ishuri mu rwego rwo gufasha abana kubona imirire ikenewe kugirango babashe kwiga neza. Abanyeshuri bo mu ngo zitifashije bakunze gusiba ishuri cyangwa kurivamo kubera kudashobora kwishyura amafaranga yo kugaburirwa ku ishuri. Inkunga ya leta ku banyeshuri mu ngo zitifashije yafasha gukemura iki kibazo.
- Kugira abajyanama n'abakozi bashinzwe ubujyanama mu kuyobora mu mwuga mu bigo. Ibi ni ingenzi cyane cyane ku banyeshuri bafite ibyago byo kuva mw'ishuri kuko abarimu bataba bafite umwanya wo kubaha inama baba bakeneye buri umwe ku wundi. Ubundi buryo bwaba ari ukugira inzobere zabugenewe mu mashuri zishobora kwigisha amasomo yihariye cyangwa kugira inama abakozi ajyanye no kwigisha no kwiga kw'abanyeshuri biga gahoro n'abafite ibibazo by'imyigire byihariye.

Ibyavuye mu biganiro by'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga

Iki gice gikubiyemo incamake y'ibiganiro byavuye mu nama abashakashatsi bagiranye n'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi ndetse n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga ku bitekerezo byatanzwe n'abarimu. Iyi nama yitabiriwe n'abahagarariye Minisiteri y'uburezi (MINEDUC), ikigo cy'ighugu cy'uburezi (REB), ikigo cy'ighugu gishinzwe ibizamini n'ubugenuzi bw'amashuri (NESI), ikigo gishinzwe amakuru mu Rwanda (RISA); Mastercard Foundation; abashyira mu bikorwa gahunda ya Leaders in Teaching barimo Inspire, Educate and Empower Rwanda (IEE), UNICEF, VVOB, Ikigo nyafurika gishinzwe ubumenyi bw'imibare (AIMS), kaminuza ya Carnegie Mellon muri Afurika; abarimu ba STEM bo mu mashuri yisumbuye, abayobozi b'ibigo ndetse n'abashinzwe uburezi mu mirenge.

Iyi nama yahaye amahirwe abarezi yo kuvugana n'abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi ndetse n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga. Abitabiriye iyi nama bagaragaje mu buryo bwimbitse akamaro ko kumva ibitekerezo by'abarimu kugirango impinduka muri gahunda z'uburezi zihuzwe n'ibyo abarimu babona mu mashuri yabo.

Abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi, abarimu, n'abafatanyabikorwa muri uyu mushinga bemeranije n'ibitekerezo by'abarimu banagaragaza imigambi na gahunda zikurikira zo kubikemura:

- MINEDUC yongereye umushahara w'abarimu muri Kanama 2022 kandi itanga inkunga ingana na miliyoni 5 z'amadorari muri Koperative yo kuzigama no kuguriza y'abarimu "Umwali Sacco" mu rwego rwo kuzamura imibereho y'abarimu no kugabanya umubare w'abarimu bava mu burezi.
- MINEDUC iri gutanga ubufasha ku banyeshuri ndetse n'abarimu. Abigira ubwarimu bagabanyirizwa 50% ku mafaranga y'ishuri. Abamaze igihe mu mwuga w'ubwarimu bahabwa buruse muri kaminuza y'u Rwanda kugirango bazamure urwego rw'abo rw'ubumenyi.
- MINEDUC, ku bufatanye na Minisiteri y'ibikorwa remezo, zigamije ko amashuri yose aba afite amashanyarazi bitarenze 2024 muri gahunda y'ikwirakwiza rusange ry'amashanyarazi.
- REB irimo gutegura ubukangurambaga ku rwego rw'ighugu rwo gukangurira igitsina gore kwigisha STEM no gufata inshingano z'ubuyobozi bw'ikigo.
- REB izafungura vuba ikigo cya STEM ku rwego rw'akarere (Regional Centre for STEM) hamwe n'ikigo Nyafurika gishinzwe ubuyobozi mu mashuri (Africa Centre for School Leadership), kizatanga amahirwe yo kwiga no kwigira ku bushakashatsi bwakorewe ku barimu ba STEM, abayobozi b'ibigo ndetse n'abanyeshuri.
- Mastercard Foundation, ku bufatanye n'ihuriro ry'abanyafurika bashinzwe uburezi bw'abagore (FAWE), ifasha abakobwa bakomoka mu miryango itishoboye kugirango bige binyuze muri buruse.
- Inspire, Educate, Empower Rwanda (IEE) ishishikariza abakobwa bakiri bato bize siyanse kwinjira mu mwuga wo kwigisha binyuze muri gahunda yayo yo kumenyerezwa kwigisha.



Abarimu, abayobozi b'ibigo n'abashinzwe uburezi mu mirenge bitabiriye inama yo gusangiza ibyavuye mu bushakashatsi muri Kamena 2022. Amashusho yafashwe na: Laterite



Abashyiraho imirongo ngenderwaho mu burezi, abafatanyabikorwa muri uyu mushinga, abarezi n'abashakashatsi bitabiriye inama yo kuganira ku bitekerezo by'abrimu muri Nzeri 2022. Amashusho yafashwe na: Mastercard Foundation



Research for Equitable Access and Learning

REAL Centre
Faculty of Education
University of Cambridge
184 Hills Road, Cambridge,
CB2 8PQ, UK

@REAL_Centre

www.educ.cam.ac.uk/centres/real

Email: realcentre@educ.cam.ac.uk



laterite
DATA | RESEARCH | ADVISORY

Laterite
House 33, KG 584 St
Kibiraro II Village
Nyarutarama, Remera
Gasabo District, Kigali

@Laterite_Africa

www.laterite.com